



# RIME COMPANY LTD

Research, Implementation, Monitoring & Evaluation

*A Social Enterprise*

Tel: (+250) 789 129 794

E-mail: [rimecompany@gmail.com](mailto:rimecompany@gmail.com)

**Fields of intervention:**

- Psychosocial
- Health
- Human Rights
- Development

**UBURENGANZIRA BW'UMWANA,  
IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA,  
N'IRINDI HOHOTERWA  
IRYO ARI RYO RYOSE RIKORERWA ABANA**

**AMAHUGURWA YATEGURIWE ABAGENERWABIKORWA BA AEE RWANDA  
KU BUFATANYE NA PLAN INTERNATIONAL RWANDA.**

**Uwateguye amahugurwa: Ntawigenera Narcisse**

Tel: +250788491684

+250722170976

E-mail: [narcinta@gmail.com](mailto:narcinta@gmail.com)

Website: [www.rimecompanyspace.com](http://www.rimecompanyspace.com)

## **UMUSOGONGERO**

Iyi mfashanyigisho ikubiyemo ubumenyi bw'ibanze ku babyeyi, abafashamyumvire, n'abandi baharanira guteza imbere uburenganzira bw'umwana. Yateguriwe abagenerwabikorwa b'umuryango nyafurika w'ivugabutumwa mu Rwanda (AEE Rwanda) mu turere twa Gisagara, Huye na Nyaruguru, mu mushinga ugamije guteza imbere uburenganzira bw'umwana, uterwa inkunga na Plan International Rwanda. Ikubiyemo ibice by'ingenzi 4:

1. Uburenganzira bw'umwana
2. Ihohoterwa rikorerwa abana
3. Uburinganire, ihohoterwa ribera mu ngo n'irishingiye ku gitsina
4. Ubufasha, ubujyanama no gutega amatwi umwana wahohotewe.

Buri ngingo yateguwe hifashishijwe amahame mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu, amahame shingiro n'amategako agenderwaho mu Rwanda, ubumenyi rusange mu birebana n'imibereho y'abantu, ndetse n'ubunararibonye bw'uwateguye imfashashanyigisho mu gutanga amahugurwa no kurengera uburenganzira bw'umwana.

Iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo ihabwe uwakurikiranye amahugurwa. Ni mu rwego rwo kugira ngo ijye imufasha kwibuka bimwe mu by'ingenzi yasobanuriwe bihagije mu gihe cy'amahugurwa, ndetse nibiba ngombwa yibukiranye na bagenzi be cg undi wese uhugukiwe kuri izo ngingo. Ni urufunguzo rwo kugira ngo abahuguwe barusheho kugira inyota yo kumenya birushijeho ibirebana n'uburenganzira bwa muntu muri rusange, ubw'umwana by'umwihiriko, ndetse n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa, cg se kumufasha igihe yahohotewe.

Turashimira byimazeyo umuryango Nyafurika w'ivugabutumwa (AEE Rwanda) ku bw'ikizere watugiriye, ukaduha inshingano zo gutegura aya mahugurwa no kuyaha abagenerwabikorwa bawo. Turashimira na Plan International Rwanda, yatanze inkunga y'amafaranga yatumwe aya mahugurwa atangwa mu buryo bunogeye.

NTAWIGENERA Narcisse

Umuyobozi wa RIME COMPANY LTD

## **INTEGO Y'AMAHUGURWA**

1. Kumenya uburenganzira bw'ibanze bw'abana
2. Kumenya ihohoterwa rikunze gukorerwa abana
3. Gufata ingamba zo gukumira ihohoterwa rikorerwa abana
4. Kugira ubumenyi bw'ibanze ku birebana n'ubufasha, ubujyanama no gutega amatwi abana bahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa

## **IGICE CYA MBERE: UBURENGANZIRA BW'UMWANA**

### **1.1. Umwana ni iki?**

- ❖ Umwana ni umuntu wese utarakura
  - ❖ Ni ikiremhamuntu cyose kitagejeje ku myaka 18 y'ubukure
  - ❖ Mu mategeko mbonezamubano, imyaka y'ubukure ni 21
  - ❖ Mu rwunge rw'amategeko mpanabyaha batandukanya ibyiciro 2 by'abana: abatarengeje imyaka 14, n'abafite hagati ya 14 na 18.
- Imyaka y'ubukure itandukana bitewe n'abaturage, imico, n'ikigamijwe

### **1.2. Uburenganzira bwa muntu n'ubw'umwana by'umwihariko**

#### **1.2.1. Uburenganzira bwa muntu ni iki?**

Amahame mpuzamahanga ateganywa n'amategeko afasha kurinda abantu n'amatsinda babarizwamo ibikorwa bibangamira uburenganzira bwabo bw'ibanze n'agaciro ka muntu.

#### **1.2.2. Ibyiciro by'uburenganzira bwa muntu**

- ❖ Uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki
- ❖ Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco
- ❖ Uburenganzira ku bidukikije n'iterambere

#### **1.2.3. Ibiranga uburenganzira bwa muntu**

- ❖ Uburenganzira bwa muntu ntabuvutswa
- ❖ Uburenganzira bwa muntu ni mpuzamahanga
- ❖ Uburenganzira bwa muntu ntibugabanywa
- ❖ Uburenganzira bwa muntu ni magirirane

#### 1.2.4. Uburenganzira bw'umwana

Buteganywa mu masezerano mpuzamahanga n'amategeko igihugu kigenderaho.

##### **Ingero z'uburenganzira bw'umwana:**

- ✓ Kwitwa izina no kugira igihugu: Umwana afite uburenganzira bwo kugira izina ndetse n'ubwenegihugu.
- ✓ Kumenya ababyeyi be n'iyi yaba arerwa n'abandi.
- ✓ Kuba mu muryango: Abana bagomba kuba mu miryango aho bitabwaho yaba umuryango wamubyaye cyangwa se abamurera kugirango bashobore kubona ibyangombwa by'ibanze aribyo:
- ✓ Kuvuzwa no kugira ubuzima bwiza: Abana bagomba kuvuzwa, mu gihe barwaye. Bitabwaho bakiri mu nda, ni muri urwo rwego leta ishyiraho ibigo nderabuzima bipima ababyeyi batwite. Bakimara kuvuka bitabwaho bakingirwa kugirango barindwe indwara z'ibyorezo. Kuvuza indwara izo arizo zose ndetse no kugira imirire myiza.
- ✓ Kwiga: Abana bafite uburenganzira bwo kwiga. Kwiga ni itegeko kandi leta yorohereza ababyeyi badafite ubushobozi gufasha abana babo kwiga k'ubuntu byibuze kugeza amashuri icyenda. Abana bose bafite uburenganzira bwo kwiga nta kurobanura haba ku gitsina, ku babana n'ubwandu bwa VIH/SIDA, cyangwa se n'ababana n'ubumuga. Umwana agomba guhabwa amasomo, indangagaciro no kurindirwa umutekano mw'ishuri.
- ✓ Kurindwa : Abana bagomba kurindwa ihohoterwa iryo ariryo ryose, Imirimo y'agahato, ibihano ndengakamere, gucuruzwa, kujya ku rugamba, gukubitwa, gufatwa ku ngufu.
- ✓ Kurengerwa imbere y'amategeko.
- ✓ Abana bagomba gutanga ibitekerezo birebana n'ibibakorerwa : Abana bagomba gufashwa bakagira urubuga rw'aho batangira ibitekezo byabo. Ibi ntibivuze ko igitekerezo cy'umwana gifatwa nk'ihame, ariko iyo kitemewe agomba guhabwa ibisobanuro. Kubaha urubuga mu miryango, ku mashuri. Leta yo yabashyiriyeho inama y'abana.

## **IGICE CYAKABIRI : IHOHOTERWA RIKORERWA ABANA**

### **2.1. Ihohoterwa ni iki ?**

Ihohoterwa ni igikorwa icyo ari cyo cyose kibabaza umuntu cyangwa kutagira icyo ukora biganisha cyangwa bishobora kuganisha ku bugiranabi bukorewe ku mubiri, ku gitsina, ku by'umutungo no ku mutima.

### **2.2. Ubusobanuro bw'ihohoterwa rikorerwa abana**

Ihohoterwa ribaho iyo hari igikorwa cyangwa igitekerezo kigaragaje cyangwa gishobora kugaragaza kugirirwa nabi ku mubiri, mu bitekerezo, ku gitsina cyangwa se kutitabwaho no gushakwamo inyungu bikorerwa abana.

### **2.3. Uko ikibazo giteye**

Ubushakashatsi bwakozwe ku ihohoterwa rikorerwa abana bwerekana ko ari ikibazo gihangayikishije:

- Hagati y'abantu 6 na 9, batangaza ko bagiriwe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bakiri abana
- Muri abo, 2/3 ni ab'igitsina gore
- Abarenze 4% bavuga ko iryo hohoterwa ryabaye kenshi, kandi bakarikorera n'umuntu bazi.
- ¾ by'abakora ihohoterwa ni abahura mu buzima bwa buri muni n'umwana wahohotewe.
- Akenshi uhohoterwa ni umwana cy'urubyiruko ruturanye n'umwana, ku buryo umwana aba asanzwe amuzi
- Abahohoterwa bagaragara mu ngeri zose z'abantu, kimwe n'abahohoterwa
- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishobora gukorera abana mu kigero cy'ubukure kinyuranye, ariko rishobora no gutangira bakiri bato cyane.

### **2.4. Amoko y' ihohoterwa rikorerwa abana**

Muri rusange, ihohoterwa rikorerwa abana rishobora gushyirwa mu byiciro bitanu : kutitabwaho, gushakwamo inyungu, ihohoterwa rikorerwa ku mubiri, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, n'ihohoterwa rikorerwa ku mutima.

### **2.4.1. Kutitabwaho (la négligence)**

Igihe umubyeyi cg ushinzwe umwana atubahiriza uburenganzira bwe, amuha ibyo akeneye mu mikurire ye, haba ku mubiri, mu bwenge na roho (ibiribwa, imyambaro, aho kuba haboneye, gukurikirana uburere bwe, umutekano we, kuvuzwa, isuku, kwiga, urukundo,.....)

### **2.4.2. Ihohoterwa rikorerwa ku mubiri (la violence physique)**

Ihohoterwa rikorerwa ku mubiri rikubiyemo ibikorwa byose by'umubyeyi, umurezi cg ushinzwe umwana bishobora kumuviramo gukomereka. Iryo hohoterwa rishobora kubaho igihe umwana ahabwa ibihano by'indengakamere, kabone n'iyonyir'ukumuhana ataba agambiriye kumugirira nabi

Ingero zhohoterwa rikorerwa ku mubiri : gukurura amatama, gukubita inshyi, gukubita imigeri, guhonda wifashishije ibikoresho, gukurura umusatsi, gutwika, kuniga, guca imwe mu myanya y'umubiri ndetse no kwica.

### **2.4.3. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina (la violence sexuelle)**

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa umwana igihe umuntu mukuru cg undi mwana mugenzi we akoresheje ingufu n'ububasha amufiteho akamushora mu bikorwa by'urukozasoni. Uhohoterwa umwana aba amurusha ingufu n'ububasha bitewe no kuba amuruta mu myaka, amurusha ubwenge, amurusha imbaraga, kuba amushinzwe, ndetse no kuba umwana aba akeneye kwitabwaho. Uhohoterwa akoresha uburyo bwinshi kugira ngo agere ku mugambi we harimo kumushukashuka, kumubeshya, kumuha "ubuhendwabana" (impano), kumushyiraho iterabwoba, kandi akenshi agahera ku cyizere umwana asanzwe amufitiye.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa umwana ririmo kumushora muri bimwe muri ibi bikorwa: kumukorakora bigamije kwishimisha, kumutegeka kugukorakora mu buryo budakwiye, kumukoresha imibonano mpuzabitsina, kumwereka amafirime y'urukozasoni, gushora umwana mu gukina ayo mafilme, kumushora mu buraya,

#### **2.4.4. Ihohoterwa rikorerwa ku mutima (la violence émotive)**

Umubyeyi, umurezi cg ushinzwe umwana ugaragaza imwe muri iyi myifatire, aba amukoreye ihohoterwa.:

- Kutamuha agaciro: “iyo ntakubyara”
- Guhora umugaya: “nta kintu kizima ujya ukora”
- Kumutuka: “uri ikigoryi”
- Kumutesha agaciro:
- Kumuha akato: urugero: kumubuza gukina n’abandi
- Kumushyiraho iterabwoba.
- Kumushora mu bikorwa bitemewe
- kutamwitaho
- Kumubuza ibikorwa bijyanye n’ikigero cye
- Guhohotera umuntu akunda

#### **2.4.5. Gushakwamo inyungu**

Bisobanuye kwinjiza umwana mu bikorwa bigamije kumushakamo inyungu. Ibikorwa biganisha ku gushaka inyungu mu mwana birimo: Imirimo ikorwa n’abana, ishorwa ry’abana mu busambanyi n’ibikorwa by’urukozasoni, icuruzwa ry’abana, ishyingiranwa ry’abana, gushyingirwa ku ngufu, n’ibindi byose bifatwa nk’ibidindiza imikurire yuzuye y’umwana. Ahantu ibi bikunda kugaragara ni aha hakurikira: hafi y’imirima y’ibyayi, mu birombe, aho baparika imodoka, ku masoko no ku mihanda. Abana babayeho mu bukene burenze, ingo ziyobowe n’abana, abana babaswe n’ibiyobyabwenge n’abakomoka mu miryango y’abatan

#### **2.5. Impamvu z’ihohoterwa rikorerwa abana**

Bimwe mu bintu bitiza umurindi ihohoterwa rikorerwa abana:

- Ubukene,
- Ubujiji
- Ubusinzi/ibiyobyabwenge
- Ubugome
- Uburere buke
- Ubuhabara
- Umuco wo kudahana

## 2.6. Bimwe mu bimenyetso bigaragaza umwana wakorewe ihohoterwa

### 2.6.1. KUTITABWAHO

<b>IBIMENYETSO BIGARAGARA INYUMA</b>	<b>IBIMENYETSO BIGARAGARIRA MU MYITWARIRE Y'UMWANA</b>	<b>IMYITWARIRE IGARAGARA KU BABYEYI cg ABASHINZWE ABANA BATABITAHO UKO BIKWIYE</b>
<p>Umwana utibwaho:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> ntakura uko bikwiriye</li> <li><input type="checkbox"/> atakaza ibiro</li> <li><input type="checkbox"/> agira isura nk'iy'umuntu mukuru (gusaza imburagihe)</li> <li><input type="checkbox"/> ntarya neza <ul style="list-style-type: none"> <li>• kwambara bitajyanye n'umwanya ugezweho (ex: kwifubika hadakonje, )</li> <li>• gusa nabi, kutoga</li> <li>• indwara z'uruho, amavunja</li> <li>• ahorana inzara</li> <li>• ntavuzwa</li> <li>• isuku nke mu kanwa</li> <li>• ihinduka ry'ibyo bimenyetso igihe umwana yitaweho.</li> </ul> </li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>•kutagira ubwenge n'ubushobozi nk'iby'abana bo mu kigero cye</li> <li>• asa n'ufite imbaraga nke</li> <li>• arira gake cyane</li> <li>• ibikinisho by'abana ntacyo bimubwira/ntabyitaho</li> <li>•nta muntu n'umwe umushishikaza</li> <li>• ashobora kuba umwana ushaka ko bamwitaho cyane</li> <li>• abana bakuru bashobora kwiba ibiryo, kunywa inzoga, ibiyobyabwenge, ....</li> <li>• aba umwana uzi kwirwanaho</li> <li>• agira inshingano nyinshi nk'iz'umuntu mukuru mu rugo</li> <li>• yivugira ubwe ko ntawe umwitaho</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>•Ntiyita ku bikenerwa by'ibanze by'umwana</li> <li>• ubuzima bw'umuryango burimo akajagari, gahunda zubahirizwa uko bikwiye zikaba nke (Urugero: kujyana umwana ku ishuri kare cyane, akaza kumucyura atinze)</li> <li>• ntacunga umwana uko bikwiye (urugero: gusiga umwana wenyine ahantu hatizewe, cg akamusigira umuntu atizeye)</li> <li>• kuvuga ko umwana agoye</li> <li>•kuvuga ko umwana atamwifuzaga</li> <li>• kutita ku rukundo umwana amugaragariza</li> <li>•kutabasha nawe ubwe kubonera ibisubizo ibibazo bye bwite</li> <li>•gushishikazwa n'ibibazo bye, iby'umwana ntibigire icyo bimubwira na mba</li> <li>•kutita cyane ku buzima bw'umwana (urugero: kutita ku mahirwe ariho, kutita ku bibazo by'umwana bamugejejeho, kwica rendez-vous zo gushakira ibisubizo ibibazo by'umwana)</li> </ul>



## 2.6.2. IHOHOTERWA RIKORERWA KU MUBIRI

<b>IBIMENYETSO BIGARAGARA INYUMA</b>	<b>IBIMENYETSO BIGARAGARIRA MU MYITWARIRE Y'UMWANA</b>	<b>IMYITWARIRE IGARAGARA KU BABYEYI cg ABASHINZWE ABANA BATABITAHO UKO BIKWIYE</b>
<ul style="list-style-type: none"> <li>• Ibikomere</li> <li>• Ubushye</li> <li>• Kubyimbirwa</li> <li>• Kuva amaraso (mu mazuru, ..)</li> <li>• Kwambara imyenda ihisha ibyo bimenyetso</li> <li>• Gutonekara igihe umukozeho</li> <li>• Kudashobora kunyeganyega adatatse</li> <li>• kugira ingorane mu guhumeka</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• kutibuka uburyo yakomeretsemo</li> <li>• Uburyo avuga ibyabaye butandukanye n'ibimenyetso agaragaza</li> <li>• Yanga kuvuga ku bikomere bye cg bikamutera ubwoba</li> <li>• Atinya abantu bakuru, cg umwe by'umwihariko</li> <li>• Ntashaka uwamukoraho</li> <li>• Ashobora kugira iyi myitwarire: amahane menshi, kwigunga, umunabi, kubaha cyane no kutagira ubwisanzure</li> <li>• Ubwoba bwo gutaha mu rugo</li> <li>• Kuba inzererezi</li> <li>• Ku ishuri kenshi arasiba, akazagaruka afite ibimenyetso by'ibikomere cg ububymbe birimo gukira</li> <li>• Ntagaragaza ubwenge n'ubushobozi nk'iby'abana bo mu kigero cye</li> <li>• Ntiyumvikana neza n'abandi bana</li> <li>• Kwiheba no gutekereza kwigirira nabi (kwiyahura)</li> <li>• Avuga ibibi bimukorerwa</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Avuga ibyabaye ku mwana mu buryo bunyuranye n'ubwe</li> <li>• Ashobora kuvuga ko ari impanuka umwana yagize</li> <li>• Aha ibihano by'indengakamere umwana</li> <li>• Ntashobora guhishira umujinya we</li> <li>• Ategereza ibintu bikomeye ku mwana</li> <li>• Yinubira kwita ku mwana, akagaragaza ko yanabirambiwe</li> <li>• Yemeza ko umwana ari mubi, ari we soko y'ibibazo bye</li> <li>• Nta rukundo agaragariza umwana</li> <li>• Ntiyita ku byo kumuvuza</li> <li>• Ntashaka inkunga zo kumufasha kurera umwana</li> </ul>

### 2.6.3. IHOHOTERWA RIKORERWA KU MUTIMA

IBIMENYETSO BIGARAGARA INYUMA	IBIMENYETSO BIGARAGARIRA MU MYITWARIRE Y'UMWANA	IMYITWARIRE IGARAGARA KU BANTU BAHOTERA ABANA
<ul style="list-style-type: none"> <li>• Umwana ntakura uko bikwiye</li> <li>• Ahora ataka umutwe, kuribwa mu nda, iseseme, nta mpamvu nyayo igaragara</li> <li>• Kwinyarira, kunyara ku buriri</li> <li>• Kutarya no kutambara kimwe n'abandi</li> <li>• Imyitwarire itameze nk'iy'abandi: inyogoshu, imisatsi, imyambarire, ....</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Kwitwara nk'indushyi</li> <li>• Guhorana umuhangayiko</li> <li>• Guhorana umujinya n'uburakari igihe kinini</li> <li>• Gusubira ibwana</li> <li>• Agerageza kugira ubwitonzi imbere y'abantu bakuru</li> <li>• Kwishora mu biyobyabwenge</li> <li>• Gutekereza kwiyahura</li> <li>• Kwicira imanza cyane</li> <li>• Kutitabira ibintu bimwe na bimwe kubera gutinya ko byagenda nabi</li> <li>• Agira impungenge z'uburyo ibyo agiye gukora bizakirwa</li> <li>• Inshingano nyinshi nk'iz'umuntu mukuru</li> <li>• Ntiyumvikana n'abandi bana</li> <li>• Ashobora kuvuga ibyo akorerwa</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Gutuka no kunenga kenshi umwana</li> <li>• Ntajya yegera umwana, ngo abe yamuvugisha neza</li> <li>• Avuga umwana nk'aho ari nk'aho ari nyirabayazana w'ibibazo byose</li> <li>• Umwana amuvuga kandi akamufata mu buryo bunyuranye n'abandi bagize umuryango</li> <li>• Agereranya umwana n'abantu badakunzwe</li> <li>• Ntiyigera aha umwanya umwana, n'igihe ari ngombwa ntacyo amufasha mu byo amukeneyemo</li> <li>• Umwana amutandukanya n'abandi bantu, ntamwemerere kuba yagira imibanire n'abantu bo mu muryango we cg abandi.</li> <li>• Atuma umwana ajya mu bikorwa bitemewe n'amategeko</li> <li>• Ntiyita ku bikorwa byararura umwana ngo abimubuze (amafilme y'urukozasoni, ...)</li> <li>• Akoresha umwana yishakira indonke</li> <li>• Ashyira iterabwoba ku mwana</li> <li>• Ahatira umwana kureba uwo yiringiye cg akunda ateshwa agaciro</li> <li>• Asaba umwana gukora ibirenze ubushobozi bwe</li> </ul>

## 2.6.4. IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

IBIMENYETSO BIGARAGARA INYUMA	IBIMENYETSO BIGARAGARIRA MU MYITWARIRE Y'UMWANA	IMYITWARIRE IGARAGARA KU BANTU BAHOTERA ABANA
<ul style="list-style-type: none"> <li>• Kuribwa cyane mu muhogo cg mu myanya ndangagitsina</li> <li>• Umwuka mubi cg uruzi bituruka mu gitsina</li> <li>• Amaraso ku myenda y'imbere (ikariso)</li> <li>• Ububabare:               <ul style="list-style-type: none"> <li>- Igihe agiye kwihagarika</li> <li>- Igihe yicara</li> <li>- Igihe agenda</li> </ul> </li> <li>• Amaraso agaragara mu nkari ze</li> <li>• gutwita</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• yigana imyitwarire y'abantu bakuru mu byerekeranye n'ibitsina</li> <li>• bigaragara ko azi byinshi kurusha ibyo wamukekera ku byerekeye imibonano mpuzabitsina</li> <li>• inyandiko ze n'ibishushanyo bye bigaragaramo cyane ibyerekeranye n'ibitsina</li> <li>• ibikorwa biganisha ku mibonano mpuzabitsina n'abandi bana cg n'abantu bakuru</li> <li>• atinya umubyeyi cg undi muntu wo mu muryango, inshuti y'umuryango, cg agatinya kujya kuri uwo muntu nta mpamvu igaragara.</li> <li>• Ntiyizera abandi</li> <li>• Agaragaza impinduka mu myitwarire nta mpamvu izwi (urugero: umwana wari usanzwe asabana agatangira kwigunga)</li> <li>• Kudasinzira no kurotaguzwa</li> <li>• Gushaka kwitabwaho cyane</li> <li>• Gusubira ibwana (urugero: kunyara ku buriri, kurya urutoki, ...)</li> <li>• Gutinya kwikuramo imyenda cg akagira ubwoba igihe bamukuyemo imyenda</li> <li>• Ashobora kuvuga ibyo yakorewe</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• yigaragaza nk'umuntu wita cyane ku mwana</li> <li>• Yiyegereza cyane umwana kugira ngo yumve anezerewe</li> <li>• Aba ari kenshi kumwe n'umwana bonyine</li> <li>• Ashobora kenshi kugirira ishyari cg guhangayikishwa n'imibanire y'umwana n'abandi bantu</li> <li>• Ntiyishimira ko umwana aba kumwe na bagenzi be igihe ababyeyi batari hafi</li> <li>• Avuga uwo mwana nk'umuntu mukuru</li> <li>• Akorakora umwana mu buryo umuntu atashira amakenga</li> <li>• Yifashisha inzoga cg ibiyobyabwenge kugira ngo abashe kwiha umtuzo mu byo akora</li> <li>• Ashishikariza umwana kugira uruhare mu myitwarire iganisha ku mibonano mpuzabitsina</li> </ul>

## **Ku bangavu n'ingimbi, hiyongeraho ibimenyetso bikurikira:**

- **Ibimenyetso biganisha ku burwayi bwo mu mutwe:**

- kujunjama
- kugerageza kwiyahura
- kwihugiraho cyane
- guhinduka cyane mu birebana n'amarangamutima
- imyitwarire igaragaza bikabije irari ry'imibonano mpuzabitsina
- imyitwarire idakwiye mu bandi
- ubuzererezi, ibiyobyabwenge, uburaya
- kubura mu ishuri nta mpamvu zizwi

- **Ibimenyetso bigaragarira mu mikorere idasanzwe y'umubiri**

- Ibibazo mu gufungura: kurya cyane, kunanirwa kurya
- isereri, kumva atameze neza
- umushiha
- gushaka kwisukura cyane birenze urugero cg ubwoba bwo kwisukura mu myanya ndangagitsina

## **2.7. Ingaruka z'ihohoterwa rikorerwa abana**

Uretse ingaruka zigaragara mu mikurire y'umwana no ku buzima bwe muri rusange, ihohoterwa rikorerwa abana ritera ibikomere by'umutima. Kwiyumva nta gaciro afite, ibitekerezo byo kwishinja, kutigirira icyizere, ....

Iryo hohoterwa rishobora kuba intandaro y'ibibazo bikomeye by'ubuzima bwo mu mutwe, cyane cyane iyo uwarikorewe atabonye ubufasha bukwiriye.

Ingamba zo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana

- Kwigisha amahame arebana n'uburenganzira bw' abana
- Gushyiraho amategeko ahana ibyaha by'ihohoterwa
- Gushyiraho ingamba zirwanya ubukene ku bagize umuryango b'ibitsina byombi
- Ubujyanama mu muryango
- Guca umuco wo kudahana

## **IGICE CYA GATATU: UBURINGANIRE, IHOTERWA RIBERA MU NGO N'IRISHINGIYE KU GITSINA**

### **3.1. Uburinganire ni iki?**

Uburinganire “gender” bushobora gusobanurwa nk’uruhare, inshingano, agaciro, ndetse n’imyifatiresosiyete iyi n’iyi iha abagore, abagabo, abahungu n’abakobwa ahantu aha n’aha, no mu gihe iki n’iki.

### **3.2. ihohoterwa rikorerwa mu ngo n’ihohoterwa rishingiye kugitsina**

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa umuntu akorerwa atabishaka, bitewe n’uko ari uw’igitsina runaka (gabo cyangwa gore), kikaba gishobora kumugiraho ingaruka mbi. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina, rikorerwa mu miryango, mu ngo cyangwa hanze yazo. Umuntu wese ashobora gukora ihohoterwa nk’uko ashobora kurikorerwa.

### **3.3. Imiterere y’ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Imiterere y’ihohoterwa rishingiye ku gitsina igenda itandukana bitewe n’urikora, urikorerwa n’umuryango mugari (societe, society) rikorerwamo. Uko byagenda kose ariko, ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigira ingaruka mbi k’urikorewe, abafite aho bahuriye na we, urikoze, n’umuryango mugari muri rusange iryo hohoterwa rikorerwamo.

### **3.4. Amoko y’ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina, rikubiye mu bice bine:

- a) **Ihohoterwa ribabaza umubiri:** Bene iri hohoterwa rirangwa no gukubita, gukomeretsa n’ibindi bikorwa byototera ubudahangarwa bw’umubiri w’umuntu.
- b) **Ihohoterwa rishingiye ku gitsina nyir’izina:** Rirangwa no gukoresha umuntu imibonano mpuzabitsina ku gahato, ku buriganya cyangwa ku iterabwoba, kwangiza imyanya ndangagitsina, gukorakora umuntu, amagambo y’urukozasoni abwiwe umuntu mu ruhame aganisha ku gitsina cyangwa ku gukora imibonano mpuzabitsina.
- c) **Ihohoterwa ribabaza umutima:** Iri hohoterwa rigaragarira mu guhoza umuntu ku nkeke, kumucyurira, kumucunaguza, kumutesha agaciro cyangwa kugatesha umurimo akora. Iri hohoterwa kandi rikunze no kugaragarira mu myifatire yo kubuza undi gufata icyemezo cyangwa kwihitiramo yisanzuye icyo agomba gukora, igihe n’aho agikorera cyangwa icyo atagomba gukora.

- d) **Ihohoterwa rishingiye ku mutungo:** Iri rihohoterwa rikoreshwa mu kwima umuntu uburenganzira ku mutungo, kumwima ibimutunga, kumubuza gushaka ibyatuma agera ku mibereho myiza n'iterambere. Kimwe n'ubundi bwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, iri naryo rigira ingaruka zitandukanye.

### 3.5. Impamvu z' ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Impamvu z'ingenzi zagaragaye kuba ku isonga mu bitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

- Umuco;
- Uburere;
- Irari;
- Umuco wo kudahana;
- Ubusumbane hagati y'umugabo n'umugore hagati y'umwana w'umuhungu n'umwana w'umukobwa
- Ubujiji;
- Amadini.

Ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

- Kumugara;
- Gupfa;
- Gutakaza zimwe mu ngingo z'umubiri;
- Guhahamuka;
- Kwitera ikizere;
- Ipfunwe;
- Amakimbirane ...
- Ipfunwe;
- Kwiheba;
- Kwitera ikizere;
- Kwicishwa inzara;
- Ubukene mu rugo;
- Indwara zishingiye ku mirire mibi nka bwaki...;

- Gucikiza amashuri ku bana;
- Ubuzererezi ku bana;
- Kutagira uruhare mu iterambere rirambye.
- Kwiheba;
- Kwiyanganga;
- Kwitera ikizere;
- Kwiyahura;
- Gutakaza ikizere mu bandi;
- Kwanga abantu.
- Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo na SIDA;
- Ihungabana;
- Gutwara inda imburagihe cyangwa itifujwe
- Inkomoko y'ubwomanzu n'uburaya.

### 3.6. **Ingamba zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.**

Leta y'u Rwanda yagaragaje ubushake bwa politiki bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ubwo bushake bugaragarira cyane cyane mu mategeko ashirwaho ndetse n'inzego zitandukanye zagiyeho zigamije kwimakaza ihame ry'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

## **IGICE CYA KANE: UBUFASHA, UBUJYANAMA NO GUTEGA AMATWI UMWANA WAHOHOTWEWE**

### **4.1. UBUFASHA KU MWANA WAKOREWE IHOHOTERWA**

#### **4.1.1. AMAHAME REMEZO**

- **Inyungu z’umwana:** ubufasha bwose buhabwa umwana igihe yahohotewe bugomba gushingira mbere na mbere ku nyungu ze
- **Umutekano:** umutekano w’umwana wahohotewe ugomba kwitabwaho by’umwihariko. Iyo bibaye ngombwa, hashobora kwitabazwa inzego z’umutekano, cg umwana agashyirwa ahantu hizewe kurushaho
- **Kugirirwa ibanga**
- **Kurindwa akato**

### **4.2. INZEGO Z’INGENZI ZIGOMBA KWITABAZWA**

- Urwego rw’ubuzima
- Urwego rw’ubutabera
  - Ubugenzacyaha (Police)
  - Ubushinjacyaha (Parike)
  - Urukiko (umucamanza)
- Inzego zitanga ubujyanama zikanafasha abahungabanye
- Inzego zita ku mibereho myiza n’iterambere.

### **4.3. GUTEGA AMATWI UMWANA WAHOHOTWEWE**

Ni ngombwa kumva umwana wahohotewe ku nzego 2: ibyo avuga mu magambo, ndetse n’ibyo avuga akoresheje ubundi buryo (ibitavuzwe mu buryo bweruye). Ni ngombwa kandi kureba ko ibyo avuga bijyanye n’ibyo agaragaza. Urugero: mu magambo ashobora kukubwira ko nta kibazo afite, ariko wamureba ugasanga afite agahinda kenshi, ndetse arimo no kurira.

Na none ni ngombwa ko ufasha umwana wahohotewe agerageza gushyikirana na we muri izo nzego 2. Urugero: niba arira, ukamuhereza icyo kwihanaguza; niba ubona ko bimugoye



kukubwira ibyamubayeho, ukagira kwihangana utegereje ko ari bubone imbaraga zo kubikubwira.

#### **4.3.1. UMUSHYIKIRANO MU MAGAMBO N'UBUTUMWA BUDAKORESHEJE AMAGAMBO**

##### **A) Ubutumwa budakoresheje amagambo**

Ubutumwa budakoresheje amagambo bugira uruhare runini mu mushyikirano w'abantu.

Ubwo butumwa bushobora guca mu nzira nyinshi.

**1.Uburyo bwo gukoresha aho muri:** intera iri hagati yanyu, uburyo mwegeranye, imyifatire, uburyo murebana, .....

Ni byiza ko ufasha umwana wahohotewe akora ibishoboka byose kugira ngo umwana yumve yisanzuye

**2.Imiterere y'ijwi:** ijwi rishobora gutuma umwana yumva niba umufasha amwitayeho, ibyo amubwira bimubabaje, bimuhangayikishije, cg se atabyitayeho.

**3.Mu maso (expression faciale):** herekana uburyo witaye ku byo urimo ubwirwa.

Kwikiriza ukoresheje amajwi (Hmmm, Eh!, ....), gushishikariza gukomeza (Ubwo se byaje kugenda bite?), amarenga ajyanye n'ibyo muvuga, byerekana ko ukurikira, kandi witaye ku byo akubwira.

Kujyanisha imyitwarire n'ibivugwa.

4.kurebana mu maso

5.Umwanya wo guceceka

##### **B) Umushyikirano hakoreshejwe invugo:**

Umushyikirano hakoreshejwe invugo ushingira ku bintu 3: kumva, kuvuga no gusesengura (kumva ku buryo bwimbitse).

◇ Kumvwa bituma umuntu yiyumvamo ko afite agaciro, kandi byagaragaye ko kumva umuntu bituma imikoranire na we no kukugirira icyizere byihuta kurusha uko wakwita ku byo kumubwira no kumusobanurira.

- ◇ Umushyikirano mwiza hagati y’abantu 2 usaba ko hari ibyo mugomba kuba mwumvikanaho: kugira indangagaciro zimwe, imvugo yumvikana kuri mwese, ...
- ◇ Ni ngombwa kudahatira umuntu (umwana) kuvuga ibyo yumva atabasha.
- ◇ Tugomba kuzirikana ko kuvuga bifasha umuntu, gusa igihe abwira uwo yizeye, kandi umwumva.
- ◇ Igihe imvugo y’umwana n’imyifatire bitajyanye, ni ngombwa kubyibazaho.

### **Kumenya kubaza ibibazo:**

“Umuhanga mu byo gufasha mwiza, si umenya gutanga ibisubizo byiza, ahubwo ni ubasha kubaza ibibazo byiza”

Ibibazo twibaza cg tubaza abandi nibyo biyobora ibikorwa byacu, ndetse n’iby’abandi. Ibibazo rero ufasha umwana amubaza, uburyo abimubazamo, igihe abimubariza, .... Ibyo byose bizagira ingaruka ku bufasha azamuha.

Ibyiza ni ugutangirira ku bibazo rusange, mbere yo kwinjira mu bibazo by’umwihariko n’ibishobora kuremerera umwana

### **Amoko y’ibibazo:**

- Ibibazo bishaka igisubizo kigufi.  
Urugero: ufite imyaka ingahe? Ugiye he?  
Ibi bibazo ntibituma habaho kwisanzura bihagije
- Ibibazo igisubizo gisa n’aho kizwi  
Urugero: urabyemeye? Urishimye?  
Akenshi abantu batinya guhakana iyo babajijwe bene ibi bibazo
- Ibibazo bifunguye  
Urugero: byagenze bite? Ubusanzwe ubayeho ute? Mbwira ibyerekeranye n’ababyeyi bawe.  
Ibi bibazo bituma umuntu abasha kwisanzura, agatanga ibitekerezo bye, akagaragaza n’amarangamutima ye.

Uburyo ufasha umwana yakira ibisubizo ahabwa bishobora gutuma yishimira gukomeza kumubwira, cg akabireka.

Ni ngombwa kugenzura ko ibyo wavuze byumvikanye uko wabivuze, kandi nawe niba ibyo wumvise ari byo byashatse kuvugwa.

Ni ngombwa kandi kuzirikana ko umwana wahohotewe icyo akeneye ari ukumvwa, Atari uguhatwa ibibazo.

#### **4.4. UBUVUGIZI**

Ubuwugizi ni urugendo rwo gukoresha ubumenyi cg amakuru ufite mu bushishozi ugamije impinduka nziza ku buzima bw'umuntu, itsinda, ihuriro cyangwa abantu benshi. Umwana wakorewe/ukorerwa ihohoterwa bishobora kuba ngombwa ko akorerwa ubuwugizi ku nzego cg abantu bafite ububasha bwo kugira icyo bahindura ku mibereho ye cg ku bimukorerwa, mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bwe.

#### **4.5. IBINDI BYITABWAHO IGIHE CYO GUFASHA UMWANA WAHOHOTWE**

- ❖ Iyo uhohotera umwana atabana na we mu muryango: ababyeyi nabo baba bakeneye gufashwa.
- ❖ Iyo uhohotera umwana abana na we/aba hafi: gukora ibishoboka byose kugira ngo umwana arindwe.

**Icyitonderwa:** igihe hagaragaye ibikorwa by'urukozasoni hagati y'abana, abantu bakuru ntibagomba kubirebera. Iyo bagerageje gukangara no gufasha abo bana kugira ngo bareke ibyo bikorwa bikanga bigakomeza, ni ngombwa kwitabaza ababihugukiwe kurushaho.